# 12: Tunezerewe k’ Umukiza yaje

1.
Tunezerewe k’ Umukiza yaje.
Yadupfiriye twese, maz' arazuka.

Ref:
Turirimbir' Umukiza ko yadupfiriye! Haleluya, tunezerwe kuko yazutse !

2.
Tunezerewe kw ar' Umucyo w'isi; Ni we weyuy’ umwijima twahozemo.

3.
Tunezerewe kw amaraso yeza; Yaduhay' agakiza; turacunguwe.

4.
Tunezerewe ko twarihiriwe, ubw' Uwera yapfirag' abanyabyaha.

5.
Tunezerewe k' Umukiz' ariho; Ni we Mwana w'intama watsinz'urupfu.

6.
Tunezerewe kw ari mw ijur' ubu; N' Umuvugire wacu ku Mana yera.

7.
Tunezerewe k' Umukiza wacu Azaz’atujyan' atugeze mw ijuru.

Visit us at indirimbo.com